



## Impamvu: Imenyeshya ryo guhindura ibikoresho bisize umushongi w'amabati(ГРР)

Nshuti Mukiriya:

Umujyi wa Dayton ishami ry'amazi ni sisiteme ya leta y'amazi (PWS) ishinze gutanga amazi yo kunywa muri aka gace. Uhawe ubu butumwa kuko inyandiko zerekana ko uru rugo cyangwa inyubako ifite umuyoboro ukeneye serivisi zo gusimbuza ibikoresho bisize umushongi w'amabati(GRR). Umuyoboro wa serivisi w'Amazi yo kunywa mu mujyi wa Dayton nta kinyabutabire cya lead kirimo, ariko abafite umuyoboro wa serivisi wa lead ku butaka bwabo bashobora kuba bahura n'ikinyabutabire cya lead.

### Ibi bishatse kuvuga iki?

Mu buryo bw'itegeko ry' Amategeko yo Kunywa Amazi meza, Ikigo cy'Igihugu cya Leta ya Amerika gishinze kurengera Ibidukikije (EPA) gisaba ko tubwira abakoresha amazi y'umuyoboro wa serivisi zo gusimbuza ibikoresho bisize umushongi w'amabati(GRR). Umuyoboro wa serivisi wa GRR ni igihe iriho cyangwa yariho umuyoboro wa serivisi wo gusimbuza ibikoresho bisize umushongi w'amabati, igihe icyo aricyo cyose, hasi ya serivisi y'umuyoboro wa lead iri hasi ako kanya k'umuyoboro wa serivisi icyikiro cya Lead kitazwi. Iyo PWS idashoboye kwerekana ko umuyoboro wa serivisi ya galivanisi itigeze imanuka ku murongo wa serivise wa lead, igomba gutekereza ko hariho umuyoboro wo hejuru wo kuyobora amazi. Imiyoboro ya serivisi ya galivanisi irashobora gufata ikinyabutabire cya lead cyasohotse ku muyoboro wo hejuru wa serivisi. Mu gihe kirekire, udukoko dushobora kwinjira mu mazi yawe yo kunywa, tugatera kwiyongera k'uwego ry'ikinyabutabire cya lead.

### Ni izihe ngaruka z'ikinyabutabire cya lead ku buzima?

Nta kigero kizewe gitekanye cy'ikinyabutabire cya lead mu mazi yo kunywa. Kugaragaza ikinyabutabire cya lead mu mazi yo kunywa bishobora guteza ingaruka zikomeye ku buzima bw'abantu bose, by'umwihariko ku bantu batwite, ku bana bato (abana bahabwa ifu y'amata n'abonka), ndetse n'abana bakiri bato. Zimwe mu ngaruka ku buzima bw'impinja n'abana bato ni ukugabanuka kw'ikigero cy'ubwenge (IQ) no kugabanuka k'igihe cyo kwitonda. Kugaragaza ikinyabutabire cya lead bishobora kandi gutera ibibazo bishya mu myigire n'imyitwarire. Abana bavuka ku bantu bahuye n'ibibazo cy'ikinyabutabire cya lead mbere cyangwa mu gihe cyo gutwita bashobora kugira ibyago byinshi byo guhura n'izi ngaruka z'ubuzima. Abakuru kibongerera ibyago byo kugira indwara z'umutima, umuvuduko w'amaraso uri hejuru, impyiko ndetse n'ibibazo by'inyama z'ibihaha cyangwa urwungano ngogozu. Hamagara umukozi wawe w'ubuzima kugira ngo ubone andi makuru yuko yaguteza ibyago.

### Nakora iki kugirango ngabanye ikinyabutabire cya lead mu gihe kibonetse mu mazi nywa?

- **Ntugashyushye amazi ugamije kuvanamo ikinyabutabire cya lead.** Gushyushya amazi ntibizagabanya ikinyabutabire cya lead.
- **Reba amazi mu gikoni niba atakoreshejwe mu masaha 6 cyangwa arenga.** Ikigero cy'ikinyabutabire cya lead kiyongera buri mwanya uko amazi amara umwanya mu gikoresho arimo. Gukoresha amazi kenshi mu rugo rwawe cyangwa mu nyubako yawe bishobora kugabanya urugero rw'ikinyabutabire cya lead mu mazi yo kunywa. Iyo amazi atakoreshejwe mu masaha 6 cyangwa arenga, inzu n'inyubako zihabwa amazi na lead cyangwa umurongo wa serivisi wo gusimburwa zigomba kuvurwa kugeza ubonye impinduka ku bushyuhe, hanyuma komeza ukande undi munota.
- **Koreshya amazi akonje mu guteka, kunywa, no gutegura ifunguro ry'abana.** Ntugatekeshe, ngo unywe, cyangwa uteguzwe ifunguro ry'abana ukoresheje amazi ashushye. Ikinyabutabire cya lead gishonga byoroshye mu mazi ashushye. icy'ingenzi ni uko ukoresha amazi akonje kandi ugakomeza kuyashyushya igihe bibaye ngombwa

## Nakora iki kugirango ngabanye ikinyabutabire cya lead mu gihe kibonetse mu mazi nywa?

- **Koresha akayunguruzo kemewe na ANSI mu kuvana ikinyabutabire cya lead mu mazi.** Utuyunguruzo twemewe na ANSI/NSF 53 igezweho mu gukuramo ikinyabutabire cya lead gishobora gufasha kugabanya urugero rw'ikinyabutabire cya mu mazi. Ishami ry'amazi mu Muji wa Dayton rishobora kugezaho akayunguruzo k'amazi n'ibikoresho bisimburwa byo kuyayungurura. Ushobora gusaba ibikoresho ku buntu uhamagara kuri 937-333-3725 cyangwa wandika imeli kuri [waterfilterpitcher@daytonohio.gov](mailto:waterfilterpitcher@daytonohio.gov). Kurikiza amabwiriza y'uruganda ku byerekeye imikoreshereze iboneye y'igikoresho kibikwamo amazi, harimo igihe cyo guhindurira akayunguruzo. Turabagira inama yo gukoresha akayunguruzo kemewe ka lead ka ANSI/NSF 53 nibura amezi atandatu nyuma y'uko imiyoboro ya serivisi isimbujwe.
- **Sukura kenshi umunwa wa robine y'amazi.** Mu gihe, uduce turiho ikinyabutabire cya lead dushobora guteranira ku ndiba y'ibikoresho by'amazi. Gusukura robine y'amazi kenshi bizafasha gukuraho aho ikinyabutabire cya lead kizaturuka.
- **Ku bantu batwite, impinja, n'abana bato.** Abantu bamwe harimo abatwite, impinja n'abana bashobora kugira ibyago byinshi byo guhura n'ingaruka za lead. Aba baturage bashobora guhitamo gufata ingamba zisumbuye nimba bahabwa amazi ya lead cyangwa umurongo wa serivisi zo gusimbura ibyumba bifite ikinyabutabire cya lead. Izi ngamba zinyongera zishobora kubamo kugenzura amazi yo kunywa ko arimo ikinyabutabire cya lead, gusimburanya isoko y'amazi ukoreshesha (nk' amazi abitswe mu macupa), cyangwa gukoresha igikoresho cyemejwe na ANSI/NSF 53 ku gukura ikinyabutabire cya lead mu mazi.
- **Simbuza ibihombo bigaragaza ko birimo ikinyabutabire cya lead.** Robine nyinshi zishaje, ibihombo, n'ibindi bikoresho by'amazi bishobora kuba birimo ikinyabutabire cya lead. Menya niba ibikoresho by'amazi by'inyubako yawe birimo ikinyabutabire cya lead kandi ubisimbuzwe igihe bikwiye. cyangwa gukoresha igikoresho cyemejwe na ANSI/NSF 53 ku gukura ikinyabutabire cya lead mu mazi.
- **Ushobora gukenera ko amaraso y'umwana wawe yapimwa ikinyabutabire cya lead.** Ishami ry'ubuzima ry'agace utuyemo rishobora kukugeraho kugira ngo ubone ubufasha bwisumbuye

## Ushobora gukenera gupima amazi yawe ikinyabutabire cya lead.

Kugira ngo usabe ibi, hamagara Ishami rishinzwe gukwirakwiza amazi n'Isukura ryayo mu muji wa Dayton ku **(937) 333-6030** kugirango ubone andi makuru.

## Wakora iki ku kumenyesha umurongo wakwifashishwa ku bijyanye na Serivisi z'ikinyabutabire cya lead?

Uruhande rwigenga rw'umuyoboro wa serivisi rufite kandi rusimburwa ku nyungu za nyiri umutungo. Umujyi wa Dayton urakugira inama cyane ko wahamagara umukozi wemewe w'amazi kugirango ugire icyo aricyo cyose ukora ku muyoboro wa serivisi y'amazi. Ku rutonde ruheruka rw'abakozi bashinzwe amazi bemewe, gerageza gusura: [daytonohio.gov/691/Urutonde rw'Abakozi bafite Amasezerano](http://daytonohio.gov/691/Urutonde%20rw'Abakozi%20bafite%20Amasezerano).

**Nimba utemera ko urugo rwawe cyangwa inyubako yawe ihabwa amazi n'umuyoboro wa serivisi ya lead, tumenyeshesha kuri (937) 333-3725 kandi wuzuze ikiganiro cyo kumenya imiyoboro yawe ku rubuga kuri [daytonohio.gov/Menyalmiyoboro Yawe](http://daytonohio.gov/MenyalmiyoboroYawe).**

Aha uzibwira ubwoko bw'ibikoresho by'amazi mu rugo rwawe kandi uzanatanga amakuru kugirango ashirwe mu bikorwa bya serivisi z'umuyoboro. Kugira ngo wuzuze ubu bugenzuzi bugufi bw'iminota 5, uzakenera ibi bikurikira:

- Telefoni igendanwa ifite kamera
- Igiceri cyangwa urufunguzo
- Imashini ikomeye ya firigo

**Niba ufite ikibazo cyangwa ukeneye ibisobanuro byinshi kuri Gahunda yo Gusimbura Umurongo wa Serivisi, twandikire kuri [SLCP@daytonohio.gov](mailto:SLCP@daytonohio.gov).**

## Ku bindi bisobanuro, Tumenyeshesha kuri:

Umujyi wa Dayton Ishami ry'Amazi **(937) 333-3725**, sura urubuga rwa U.S. EPA kuri [epa.gov/lead](http://epa.gov/lead) cyangwa usure Ohio EPA iga ku byerekeye ikinyabutabire cya lead ku rubuga kuri [epa.ohio.gov/monitor-pollution/pollution-issues/learn-about-lead](http://epa.ohio.gov/monitor-pollution/pollution-issues/learn-about-lead). Ku bindi bisobanuro ku byerekeye ubundi buryo ikinyabutabire cya lead kigaragara, sura ishami rya Ohio ry'ubuzima bw'abana bato ku burozi b'ikinyabutabire cya lead uburozi kuri [odh.ohio.gov/know-our-programs/Childhood-Lead-Poisoning](http://odh.ohio.gov/know-our-programs/Childhood-Lead-Poisoning).

Ibuka gusangiza aya makuru n'abandi bantu bose bari mu nzu cyangwa mu inyubako, cyane cyane abashobora kuba batabonye iri tangazo muburyo butaziguye (urugero, abantu bari mu mazu, amavuriro, amashuri, n'ubucuruzi). Ushobora kubikora wohera iri tangazo ahantu rusange cyangwa gukwirakwiza kopi ukoresheje intoki cyangwa amabaruwa.



**SIKANA HANO  
KUGIRANGO  
UBONE  
AMAKURU YA  
POROGARAMU**

Ubasemuzi bw'iyi nyandiko buboneka usuye [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents).

Spanish: La traducción de estos documentos se puede obtener visitando [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents) o llamando a 937-634-7835.

Russian: Перевод этого документа можно получить на сайте [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents) или позвонив по телефону 937-883-5987.

Turkish: Bu belgelerin tercümesini [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents) adresini ziyaret ederek veya 937-828-4509 numaralı telefonu arayarak edinebilirsiniz.

Swahili: Tafsiri ya waraka huu inapatikana kwa kutembelea [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents) au kupiga simu 937-634-7350.

Kinyarwanda: Ubasemuzi bw'iyi nyandiko buboneka usuye [daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents](https://daytonohio.gov/ServiceLineCompliance/documents) cyangwa ugahamagara 937-907-1817.